T R A D U C T I O N .-

Ndabasubiza urwandiko rwanyu rwo kuwa I/3/I960,nkabameny
esha ibikurikira:

I/º Ubwanjye nasabye kenshi kandi hashize igihe kinini,ko ababasoresha bagombaga kwandikira abacuruzi b'abanyarwanda inzandiko ku mpapuro zirimo nibura indimi ebyili.Ndabibutsa ko gutinda mwitilira kubura ubsemurira bidaterwa iteka ryose n'iyo mpamvu.

2 º/ Abakora umulimo w'ubucuruzi bagomba gusora umusoro bwite (impôt personnel ) uturuka ku nyungu.

3 º/Umusoro w'abacuruzi ubarwa ugereranijwe kubera ko bikomey cyane kumenyera buli muntu inyungu ry'ukuli.

Uwo musoro ugereranije n'iyungu nkuko rigereranijwe.Bawusora limwe mu mwaka simbona iyind misoro muvuga keretse mwaba muvuga ay'umusogongero yo kwandikwa mu gitabo cy'ubucuruzi,ibyo s'ukuli ntabwo yitwa umusoro.Uwo musogongero utangwa limwe gusa.

4 º/ Amafranga muha C.A.C. ukw'ali 500 n'ayo gukodesha ikibanza ahal'amaduka.Abacuruzi bibereye ku misozi(hirya ya KMS 4 kuva ku maduka bacururizamw'isambu yabobwite cyangwase bagomba gukod sha isambu y'umukonde.

5 º/Ntimugomba kuvuga ko Leta itarwanya abajya kugura imyenda i Buganda,mwibwira ko agasutamo kali mu Cyanika al'ako gukora iki ? Abihisha bakinyurira hirya iyo bafashwe barahanwa cyane.

6 º/Kubyerekeye abacung'isoko,muzabisabe umutware w'intara, ubategeka azigenzurire imibereho yabo kumulimo.

7 º/ Nikibazo ki mwajije BwanaAdministrateur wa Territoire , akavuga ko ntacyo abiziho ?

8 º/ Abacuruzi babasha kugura ibintu mu mahanga atali aya R.U. Aliko bagomba kubimenyesha byose ku Gasutamo:

Ruhengeri
3530